CEPR / COMMISSION EPISCOPALE
JUSTICE ET PAIX RWANDA
B.P. 4375 Kigali Avenue de la Paix, KN 4 Av.36 Tél.: (250) 786166743
E-mail: cejprwanda1@gmail.com https://cejprwanda.org Twitter: CEJP Rwanda

Kigali, tariki ya 15 Mata 2023

Nyiricyubahiro Musenyeri (bose)
Basaserdoti, Biyeguriyimana
Bakristu bavandimwe

2023/CEJP/011

**Impamvu**: Noveni yo #Kwibuka29

Bavandimwe, uyu mwaka turibuka ku nshuro ya 29 abacu bahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Kwibuka ni igikorwa cyiza kandi cy'ingirakamaro cyo gusubiza agaciro abakambuwe bazira uko baremwe. Iyo twibuka abacu, twubura amaso tukarangamira Yezu ku musaraba, twibuka n'izuka rye, ritwibutsa ko n'abacu bazazukira umukiro w'iteka. Yezu Kristu ni we utubwira ati: "Ni jye zuka n'ubugingo; unyemera, n'aho yaba yarapfuye, azabaho. Byongeye umuntu wese uriho kandi akanyemera, ntateze gupfa" (Yh 11, 25-26). Bityo rero tuzirikana ko urupfu rudafite ijambo rya nyuma ku buzima bw'umuntu.

Muri urwo rwego, Kiliziya Gatolika mu Rwanda yashyizeho umunsi wihariye wo gusabira no kuzirikana inzirakarengane zahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ni kuwa gatandatu w'icyumweru cya mbere cy'ukwezi kwa gatanu buri mwaka. Muri uyu mwaka, uwo munsi uteganyijwe tariki ya 6/5/2023.

Nk'uko bimenyerewe, Komisiyo y'Abepiskopi ishinzwe Ubutabera n'Amahoro yateguye isengesho ry'iminsi icyenda (Neuvaine), rizatangira kuya 27 Mata 2023 kugeza kuya 5 Gicurasi 2023. Turifuza ko iri sengesho tuboherereje ku mugereka w'iyi baruwa ryakorwa mu ngo za gikristu, mu ngo z'Abihayeguryimana (Communautés religieuses) n'iz'abasaserdoti (presbytères), mu miryango ya Agisiyo Gatolika no mu matsinda anyuranye y'abakristu. Kuri uriya munsi wo gusabira no kwibuka abahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi ni ngombwa ko haturwa Igitambo cya Misa kandi hagasurwa Inzibutso ziruhukiyemo izo nzirakarengane.

Bikira Mariya Umwamikazi wa Kibeho akomeze ashyigikire Abanyarwanda mu ntambwe nziza zo kwiyubaka no guhozanya no kubaka ubudaheranwa.

Mugire amahoro.

**+Antoine Kardinali KAMBANDA**
Arkiyepiskopi wa Kigali
akaba na Perezida wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro

COMMISSION EPISCOPALE
JUSTICE ET PAIX